

IMYANZURO Y'INTEKO RUSANGE YA XX YA RALGA YATERANYE KUWA 31/7/2015 KURI SERENA HOTEL KIGALI

Kuwa 31 Nyakanga 2015 mu cyumba cy'inama cya Hoteli Serena Kigali hateraniye inama ya 20 y'Inteko Rusange y'Ishyirahamwe ry'Uturere n'Umujiyi wa Kigali mu Rwanda (RALGA), iyobowe na Cllr KANGWAGYE Justus, Umuyobozi wa RALGA. Iyo nama yitabiriwe n'Abanyamuryango ba RALGA ndetse n'abahagarariye Inzego zikorana nayo, ibiganiro byayo bikaba byaribanze ku nsanganyamatsiko igira iti: "*Imyumvire imwe ku misoro n'amahoro biganisha ku iterambere rirambye ry' Inzego z' Ibanze*".

Inteko Rusange yemeje ingingo zari ku murongo w'ibyigwa arizo:

1. Kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inteko Rusange yo kuwa 10/05/2014 no gusuzuma uko imyanzuro yayo yashyizwe mu bikorwa
2. Kungurana ibitekerezo ku iyakirwa ry'imisoro n'amahoro mu Turere
3. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho n'imikoreshereze y'imari mu mwaka wa 2014-2015
4. Rapor ya Komite Ngenzuzi
5. Gahunda y'ibikorwa n'Ingengo y'imari 2015-2016
6. Kuvugurura Amategeko Shingiro ya RALGA
7. Kwemeza Amategeko Ngengamikorere ya RALGA
8. Kwemeza niba RALGA yaba umunyamuryango wa Local Government Institute
9. Gutanga ibihembo ku Turere twatsinze irushanwa rya *Innovation competition 2015*

Nyuma yo kuganira kuri izo ngingo, Inteko Rusange yafashe imyanzuro ikurikira :

1. Inteko Rusange ya RALGA yemeje Inyandikomvugo y'inama ya 19 y'Inteko Rusange yo kuwa 30 Gicurasi 2014;
2. Inteko Rusange ya RALGA yashimye ibyakozwe mu gushyirwa mu bikorwa imyanzuro y' Inteko Rusange iheruka inasaba ko ibitarakorwa byihutishwa;




3. Inteko Rusange yemeje raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'imari ya 2014-2015, iboneraho gushimira abagize Komite Nyobozi ndetse n'Ubunyamabanga Bukuru kubera ibikorwa byagezweho muri uwo mwaka;
4. Inteko Rusange yemeje raporo ya Komite Ngenzuzi inasaba ko ibyasabwe gukosorwa no gushyirwa mubikorwa haba kuri RALGA ndetse na LG Consult Ltd byakorwa bidatinze;
5. Inteko Rusange yasabye ko RALGA ishyiraho ingamba zo gufasha inzego z'ubuyobozi bwa LG Consult Ltd kuzuza neza inshingano zazo;
6. Inteko Rusange yasabye Abanyamuryango ba RALGA kugira uruhare mu kumenyekanisha no kwitabira gukorana na LG Consult Ltd mu rwego rwo kuyiteza imbere;
7. Inteko Rusange yemeje gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari y'umwaka 2015-2016 imaze kuyitangaho ibitekerezo;
8. Inteko Rusange yemeje ingingo zavuguruwe z'amategeko shingiro ya RALGA imaze kuzikorera ubugororangingo;
9. Inteko Rusange yemeje amategeko ngengamikorere ya RALGA imaze kuyakoraho ubugororangingo;
10. Inteko rusange yemeje ko RALGA iba umunyamuryango wa Local Government Institute (LGI) kandi isaba Ubunyamabanga Bukuru kuyitera inkunga kugirango ibashe gutangira ibikorwa byayo neza;
11. Inteko Rusange yashimangiye ko imisoro n'amahoro ari umusingi ufasha Ighigu kwigira mu bijyanye n'imari, bityo isaba Inzego z'ubuyobozi zegerezwe abaturage gushyira imbaraga mu gusobanurira abaturage akamaro kayo cyane cyane imisoro n'amahoro yakirwa n'Akarere nk'uko itegenywa n'itegeko;
12. Inteko Rusange yasabye abanyamuryango ba RALGA kurushaho gushimangira imikoranire myiza n'Ikigo cy'Ighigu gishinzwe imisoro n'amahoro (Rwanda Revenue Authority) mu gukusanya imisoro n'amahoro yeguriwe Akarere bagashyiraho na gahunda ihamye yo gukurikirana uko iyo mikoranire itanga umusaruro utegerezwe;
13. Inteko Rusange yasabye ko Komite Nkemurampaka ya RALGA ikurikirana ibibazo by'amakimbirane bigenda bigaragara hirya no hino mu Nzego z' Ibanze;
14. Inteko Rusange yasabye RALGA gukora ubuvugizi kugira ngo urwego rwa DASSO rwegerezwe abaturage kurushaho ku buryo rwakorera ku Kagari;



15. Inteko Rusange yasabye ko RALGA ikora ubuvugizi bugamije gufasha kongerera urwego rw'Akagari abakozi;
16. Inteko Rusange yashimye Uturere twaje imbere mu marushanwa y'ibikorwa by'indashyikirwa mu Nzego z'Ibanze muri 2015 inasaba RALGA kumenyekanisha ibikorwa byatsinze kugira ngo n'abandi babyigireho;
17. Inteko Rusange yasabye abanyamuryango ba RALGA gushyira ingufu mu gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibishushanyombonera ku mikoreshereze y'ubutaka ku Karere ndetse n'ibijyanye n'imiturire hashimangirwa gukorera mu mucyo ndetse n'ubufatanye n'izindi nzego harimo sosiyete sivile n'abikorera;

Bikorewe i Kigali kuwa 31/7/2015



Byategwe na:

Yves Bernard NINGABIRE
Umunyamabanga Mukuru w' Agateganyo

Byemejwe na:

Cllr Justus KANGWAGYE
Umuyobozi wa RALGA